URWIBUTSO RW'ISANGIRA RYA NYUMA RYA NYAGASANI: KU WA KANE MUTAGATIFU

Uyu munsi ku wa Kane Mutagatifu tariki ya 18/04/2019 guhera i saa kumi n'imwe z'umugoroba muri Katedrale ya Nyundo habaye Igitambo cya Misa kiyobowe n'Umwepiskopi wa Nyundo. Uyu munsi tuzirikana amabango akomeye mu kwemera kwacu kwa gikristu ari yo Umwepiskopi yagarutseho cyane mu Nyigisho ye ku buryo bukurikira:

Bakristu Bavandimwe, muri iyi minsi nyabutatu mitagatifu ari nayo isoza igihe cy'Igisibo twari tumazemo iminsi, turazirikana amayobera-shingiro y'Ukwemera kwacu. Ku wa kane mutagatifu, twibuka Nyagasani Yezu Umukiza wacu arema Isakramentu ry'Ukaristiya rikubiyemo ibyamubayeho byose, ari byo :**urupfu n'izuka rye**. Ku wa kane mutagatifu kandi twibuka ko yaremye n'isakramentu ry'Ubusaserdoti kugira ngo abasaserdoti bazajye bafasha umuryango w'Imana wose guhora umwibuka ko yawitangiye k'umusaraba kandi akawitangaho ifunguro ry'Ubuzima bw'iteka. Nibyo twibuka buri gihe mu gitambo cy'Ukaristiya umusaserdoti aturira imbaga y'abakristu. Isangira rya nyuma Nyagasani Yezu yagiranye n'abigishwa be, ari nabo bari inshuti ze z'inkoramutima, akanarikoreramo umuhango wo koza ibirenge by'intumwa ze, ni ikimenyetso cy'urukundo kandi bikaba n'impamba yadusigiye muri uru rugendo rwacu rwa hano kw'isi. Ejo ku wa gatanu mutagatifu, tuzaba turi hamwe mu rupfu rwe rwo kumusaraba. Naho kumugoroba w'ejobundi ku wa gatandatu, tuzaba turi hamwe nawe mu byishimo by'izuka rye mu bapfuye. Yezu yadusigiye iyo nyabutatu kugira ngo tuzajye duhora twibuka ko yatwitanzeho ifunguro ry'ubuzima bw'iteka, tuzajye duhora twibuka ko yatwitangiye kumusaraba, tuzajyeduhora twibuka ko

urukundo yadukunze ari impamba yaduhaye muri uru rugendo rwacu kuri iy'isi,tuzajye duhora twibuka ko yizuye mu bapfuye ngo natwe tuzagire uruhare kw'izuka rye.

I. Isangira rya Nyuma rya Nyagasani

Ku mugoroba nk'uyu ng'uyu turimo, umugoroba wa nyuma w'ubuzima bwa Yezu Kristu kuri iyi si, yakoranyije za nshuti ze z'umwihariko 12, zazindi bari baragendanye, zazindi bari bararuhanye, zazindi bari baraganiriye n'akari imurori, zazindi bari barasangiye akabisi n'agahiye, kugira ngo basangire bwa nyuma.

Uwo mushyikirano wa nyuma ni nawo wabaye Pasika ya nyuma Yezu yari yarifuje kuva kera. Ni Pasika idutegura kandi ikadutegurira mu marenga rya sangira ridutegetereje mu bwami bw'ijuru aho Yezu yagiye kuduteguriira imyanya n'ibyicaro. Mu isomo rya mbere twumvise ryo mu gitabo cy'Iyimukamisiri, muri bwa butumwa Uhoraho yabwiraga Musa na Aroni bwari bugenewe abayisiraheri twumvisemo igisa na Pasika yabo. Aho bahamagarirwa gusangira nabo kandi iryo sangira rizababera urwibutso ruzahoraho iteka. Natwe Bakristu bavandimwe duhimbaza uyu wa kane mutagatifu, isangira rya Nyagasani Yezu n'abigishwa be ritwibutse ya Pasika, ari ryo sangira ry'umuryango w'abana b'Imana wavuye mu bucakara warimo mu gihugu cya Misiri bagana mu gihugu cy'ubwigenge Uhoraho yari yarasezeranyije abasokuruza babo. Ni Pasika ya Nyagasani Yezu, Ntama w'Imana waje kutwitangaho igitambo ngo adukize twebwe twese imbaga y'Imana kandi y'ibihe byose. Natwe Pasika ya Yezu igomba kudukura mu mwijima w'ibyaha ikatujyana mu rumuri rw'ubuzima bw'abana b'Imana nk'uko abayisraheri bavanywe mu bucakara barimo mu gihugu cya Misiri bagana mu gihugu cy'ubwigenge.

Iri sangira rya Yezu Kristu n'Intumwa ze rijye ritwibutsa natwe isangira ridutegereje mu bwami bw'ijuru. Ubwo bukwe bwa Ntama w'Imana dutumiwemo twese, buri gihe Ijambo ry'Imana rirabutwibutsa. Ubusanzwe iyo dutumiwe mu bukwe, turabyitegura, tugategura imyambora myiza tuzaserukana muri ubwo bukwe. Natwe Bakristu, Bavandimwe, tujye duhora twiteguye kubwira Yezu Kristu ko twiteguye gutaha ubukwe adutumiramo. Papa Yohani wa 23, waje kuba Mutagatigu Yohani wa 23, yahoraga avuga ati njyewe ivalisi yanjye ihora iteguye. Mpora niteguye gutaha ubukwe bwa Ntama w'Imana.

Twebwe se bakristu bavandimwe, amavalisi yacu ahora ateguye, ibikapu byacu bihora biteguye nk'uko Papa Yohani wa 23 yabivugaga?

II. <u>Muri iryo sangira rya Nyuma Yezu yogeje ibirenge by'Intumwa ze</u>.

Ngo igihe bari ku meza, Yezu arahaguruka afata igitambaro arakindikiza, asuka amazi ku ibesani, maze yoza ibirenge by'abigishwa be, akabihanaguza igitambaro yari akindikije. Twabyumvise ko ngo arangije, yasubiye ku meza akabaza abigishwa be ati : **Ese aho mwumvise ibyo maze kubagirira?**. Natwe mu kanya turaza kwigana icyo gikorwa Yezu yakoze yoza ibirenge by'intumwa ze. Ese aho twebwe uwo muhango dukora buri wa kane mutagatifu twumva icyo usobanuye ? Twumve neza igisisobanuro Yezu yahaye abigishwa be. Ati : **munyita ngo Mwigisha na Nyagasani, kandi mubivuga ukuri ni byo koko ndi we**. None rero niba njyewe umwigisha na Nyagasani nogeje ibirenge byanyu, namwe mugomba kozanya ibirenge. Mbahaye urugero, kugira ngo uko mbagenjereje, namwe azabe ariko muzajya mubigenza. Nguwo umurage ukomeye Yezu yasigiye abigishwa be, umurage natwe abemera twese twahawe. Ubusanzwe tumenyereye ko umuntu araga abe imitungo, amazu, amasambu, amatungo, amafaranga kubayafite n'ibindi. Yezu nk'Imana ntiyari kubura ibyo araga abigishwa be, nyamara twumve neza uwo murage udasanzwe uremereye kandi wuzuye ubukungu yabahaye, kandi natwe tugomba kugira uwacu. **Kozanya ibirenge**. Ibyo bisobanuye iki kuri twebwe uyu munsi ? Ibyo biratwigisha iki twebwe ab'iki gihe ? Yezu arashaka kutwigisha kumenya guca bugufi. Yezu wari umwigisha na Nyagasani yashatse kwereka abigishwa be ko umukristu nyawe agomba kudatwarwa n'ibyubahiro gusa, ni ukuvuga wa wundi uhora ategereje gusa ko bamuhereza, ko bahora bamwita Nyakubahwa ndetse akanabigendera.Yezu yashatse kutwigisha ko icyubahiro cy'ukuri gishingiye ku kwitangira abandi, guhora uharanira icyagirira abandi akamaro, icyabazanira imibereho myiza, amajyambere, amahoro, ubumwe, ubutabera kuri buri wese no kuri bose. Kuba mukuru by'ukuri bigomba gushingira ku rukundo ugirira buri wese utarebye igihagararo, ahubwo ukamukundira, ukamufashiriza ko ari umwana w'Imana nkawe. Imana ntabwo idukundira igihagararo cyacu, idukundira ko turi abana bayo kandi twese, ikadukunda itarobanuye. Ni ya Mana ivusha izuba ku babi n'abeza, ni ya Mana igusha

imvura ku babi n'abeza, ni ya Mana idakangwa n'igihagararo, amashuri, ubukungu, ahubwo itubona twese nk'abana bayo bakunzwe kimwe kandi kibyeyi.

Nyagasani Yezu ati : **Mbahaye itegeko rishya : « Nimukundane, kandi mukundane nk'uko nabakunze. Nicyo bose bazamenyeraho ko muri abigishwa banjye, nimugirirana urukundo ».** Mu ivanjili twumvise ukuntu intumwa za Yezu zitumvaga uko kwicisha bugufi kwe kugeza aho aboza ibirenge. Petero ati : **« Nyagasani abe ari wowe unyoza ibirenge ? Yezu nawe aramusubiza ati : « Ibyo nkora ubu ntiwabimenya, ariko uzabimenya hanyuma ».** Koko rero Bavandimwe natwe, hari igihe tutumva neza ibikubiye mu rugero rwa Yezu Kristu rwo kwicisha bugufi. Natwe biratugora. Nyamara Yezu aratwereka ko kwikuza kwacu hano kw'isi, kwiremereza kwacu hano kw'isi nta gaciro bifite mu maso y'Imana. Nibyo Yezu yabwiraga Petero ati : « Ndamutse ntakogeje ibirenge, ntuzigere ugira umugabane hamwe nanjye ».

Bakristu, Bavandimwe, kugira ngo tuzagire umugabane hamwe na Yezu Kristu mu bwami bwe, ni ngombwa ko twemera kozwa nawe. Ibyo bivuze iki ? Ibyo bivuze ko tugomba kwemera kuyoborwa nawe, tukagenza nkawe, tugaca bugufi nkawe, tugakunda nkawe. Tukagendana nawe muri byose. Ntibyemewe ku mukiristu ko hagira igihe yumva yakwigendera wenyine atari hamwe na Yezu Kristu. Nk'uko iyo tugiye gusohoka mu nzu cyangwa tugiye mu rugendo twitwaza indangamuntu zacu, niko na Yezu Kristu atagomba kubura mu buzima bwacu bwose, haba mu mvugo, mu migirire, mu mitekerereze. Ngirango tubikoze twese dutyo nta cyaha, nta nabi yakongera kutugaragaraho, kuko bishatse kubaho Yezu atadukundira. Yakubwira ati : « sigaho, ibyo ushaka kujyamo sibyo, ibyo ushaka kuvuga sibyo, ibyo utekereza sibyo ». Buriya rero bitubaho kuko tuba twiyambuye Kristu. Bitubaho kubera ko hari igihe dushaka guhisha Yezu Kristu ibyo turimo. Nyamara se ko Imana ireba kure, ni hehe , ni gute, twakwihisha ijisho ry' Imana?. Ese ubundi ko tuzi neza ko tubeshejweho na yo, ni kuki tutakwishimira guhora tugendena nayo, tugendera mu nzira zayo ziboneye?

Bakristu, Bavandimwe, ikimenyetso cy'umuyoboke nyawe wa Kristu si ikindi kindi ni urwo rukundo rwuje ukwicisha bugufi nk'urwa Kristu. Ni ukwo gushyira Kristu mu buzima bwawe bwose nta na hamwe umwikinze, ntacyo umuhishe. Ni ukubaho nk'uko yabayeho, ni ukwitanga nk'uko

yitanze, ni ugukunda nk'uko yakunze. Yezu ati : « **Nimujye mukundana nkuko nabakunze** » !!!

III. <u>Nimwakire murye, iki ni umubiri wanjye</u>

Urwo rukundo Yezu yibukije abigishwa be kandi natwe atwibutsa muri wa muhango wo koza ibirenge, yarushijeho kurushimangira mu gikorwa kizahoraho kugeza igihe azahindukirira mu ikuzo.

Isakramentu ry'Ukaristiya n'iry'ubusaserdoti yaremye ku wa kane Mutagatifu, igihe yavugiraga ku mugati ati : **« Iki ni umubiri wanjye » no kuri divayi ati : « Iki ni amaraso yanjye » y'isezerano rishya agiye kumenerwa abatabarika kubera ibabarirwa by'ibyaha byabo. Na none akarema isakramentu ry'Ubusaserdoti agira ati : « Ibi ngibi mujye mubikora bibe urwibutso rwanjye ».** Muri aya magambo niho hakubiyemo ububasha yahaye intumwa ze n'abazizunguye bose, gutura Ukaristiya kugeza igiha azagarukana ikuzo.

Yezu yaremye Ukaristiya rero kugirango twifatanye nawe mu gitambo cye ku musaraba kugeza igihe azagarukana ikuzo.

Bakristu Bavandimwe, mbifurije urukundo nk'urwo Kristu yadukunze. Murakagira ababakunda nka Kristu, kandi murakagira ababishimira kuko mubakunda nka Kristu.

Nyagassni Yezu nabane namwe.

Nyuma y'Inyigisho ye, Umwepiskopi yogeje ibirenge abakristu.

Nk’uko bisanzwe kuri uyu munsi wa kane Mutagatifu, nyuma y’isangira bacumbikishiriza Isakramentu Ritagatifu ahandi hantu hatari aho risanzwe rishyingurwa.

Nyuma yo gucumbikishiriza Isakramentu Ritagatifu ahandi, bagashengera.

Padiri Jean Marie KWIZERA